

**Ibirimo/Summary/Sommaire**

**page/urup**

**A. Amategeko/Laws/Lois**

**N°42/2015 ryo ku wa 29/08/2015**

Itegeko rihindura kandi ryuzuza Itegeko n°55/2011 ryo ku wa 14/12/2011 rigenga imihanda mu Rwanda.....3

**N°42/2015 of 29/08/2015**

Law modifying and complementing the Law n° 55/2011 of 14/12/2011 governing roads in Rwanda.....3

**N°42/2015 du 29/08/2015**

Loi modifiant et complétant la Loi n°55/2011 du 14/12/2011 régissant les routes au Rwanda.....3

**N°47/2015 ryo ku wa 15/10/2015**

Itegeko rihindura kandi ryuzuza Itegeko n°10/2013 ryo ku wa 08/03/2013 rigena Sitati y'Abacamanza n'Abakozi b'Inkiko.....7

**N°47/2015 of 15/10/2015**

Law modifying and complementing Law n°10/2013 of 08/03/2013 governing the Statutes of Judges and judicial personnel.....7

**N° 47/2015 du 15/10/2015**

Loi modifiant et complétant la Loi n° 10/2013 du 08/03/2013 portant Statut des Juges et du personnel judiciaire.....7

**N°49/2015 ryo ku wa 02/12/2015**

Itegeko rihindura kandi ryuzuza Itegeko n°27/2010 ryo ku wa 19/06/2010 rigenga Amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu.....31

**N°49/2015 of 02/12/2015**

Law modifying and complementing Law n°27/2010 of 19/06/2010 relating to Elections as modified and complemented to date.....31

**N°49/2015 du 02/12/2015**

Loi modifiant et complétant la Loi n°27/2010 du 19/06/2010 relative aux Elections telle que modifiée et complétée à ce jour.....31

**B. Iteka rya Minisitiri w'Intebe/Prime Minister's Order /Arrêté du Premier Ministre**

**N°289/03 ryo ku wa 27/10/2015**

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena Urwego rureberera Ikigo gishinzwe guteza imbere ibikorwa by' iterambere mu Nzego z'Ibanze (LODA) rikanagena ububasha, inshingano n'imikorere by'inzego z'ubuyobozi zacyo.....50

**N°289/03 of 27/10/2015**

Prime Minister's Order Determining the supervising authority of the Local Administrative Entities Development Agency (LODA) and determining the organisation, functioning and responsibilities of its management organs.....50

*Official Gazette n° Special of 03/12/2015*

**N°289/03 du 27/10/2015**

Arrêté du Premier Ministre déterminant l'autorité de tutelle de l'Agence de Développement des Entités Administratives Locales (LODA) et déterminant l'organisation, fonctionnement et compétences de ses organes de direction.....50

**C. Iteka rya Minisitiri/Prime Ministerial Order /Arrêté Ministériel**

**N°002/10/15/TC ryo ku wa 17/11/2015**

Iteka rya Minisitiri rishyiraho ugize Komisiyo.....66

**N°002/10/15/TC of 17/11/2015**

Ministerial Order appointing a member of the Commission.....66

**N°002/10/15/TC du 17/11/2015**

Arrêté Ministériel portant nomination d'un membre de la Commission.....66

*Official Gazette n° Special of 03/12/2015*

**ITEGEKO N°42/2015 RYO KU WA 29/08/2015 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEGEKO N°55/2011 RYO KU WA 14/12/2011 RIGENGA IMIHANDA MU RWANDA**

**LAW N°42/2015 OF 29/08/2015 MODIFYING AND COMPLEMENTING THE LAW N° 55/2011 OF 14/12/2011 GOVERNING ROADS IN RWANDA**

**LOI N°42/2015 DU 29/08/2015 MODIFIANT ET COMPLETANT LA LOI N° 55/2011 DU 14/12/2011 REGISSANT LES ROUTES AU RWANDA**

**ISHAKIRO**

**Ingingo ya mbere: Ubutaka bweguriwe imihanda ya Leta, iy'Uturere, iy'Umujyi wa Kigali n'ahandi hafatwa nk'Umujyi**

**Ingingo ya 2: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

**Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

**Ingingo ya 4: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

**TABLE OF CONTENTS**

**Article One: Road reserve for national roads, Districts and City of Kigali roads and those of other urban areas**

**Article 2: Drafting, consideration and adoption of this Law**

**Article 3: Repealing provision**

**Article 4: Commencement**

**TABLE DES MATIERES**

**Article premier : Emprise des routes nationales, de Districts et de la Ville de Kigali et celles d'autres zones urbaines**

**Article 2 : Initiation, examen et adoption de la présente loi**

**Article 3 : Disposition abrogatoire**

**Article 4 : Entrée en vigueur**

*Official Gazette n° Special of 03/12/2015*

**ITEGEKO N°42/2015 RYO KU WA 29/08/2015 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEGEKO N° 55/2011 RYO KU WA 14/12/2011 RIGENGA IMIHANDA MU RWANDA**

**LAW N°42/2015 OF 29/08/2015 MODIFYING AND COMPLEMENTING THE LAW N° 55/2011 OF 14/12/2011 GOVERNING ROADS IN RWANDA**

**LOI N°42/2015 DU 29/08/2015 MODIFIANT ET COMPLETANT LA LOI N° 55/2011 DU 14/12/2011 REGISSANT LES ROUTES AU RWANDA**

**Twebwe, KAGAME Paul,**  
Perezida wa Repubulika ;

**We, KAGAME Paul,**  
President of the Republic;

**Nous, KAGAME Paul,**  
Président de la République ;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA, KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y’U RWANDA**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU’ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

**THE PARLIAMENT:**

**LE PARLEMENT :**

Umutwe w’Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 04 Kanama 2015;

The Chamber of Deputies, in its session of 04 August 2015;

La Chambre des Députés, en sa séance du 04 août 2015 ;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk’uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 29, iya 31, iya 62, iya 66, iya 67, iya 90, iya 92, iya 93, iya 108 n’iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 29, 31, 62, 66, 67, 90, 92, 93, 108 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 29, 31, 62, 66, 67, 90, 92, 93, 108 et 201 ;

Isubiye ku Itegeko n° 55/2011 ryo ku wa 14/12/2011 rigenga imihanda mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 22;

Having reviewed Law n° 55/2011 of 14/12/2011 governing roads in Rwanda, especially in Article 22;

Revue la Loi n° 55/2011 du 14/12/2011 régissant les routes au Rwanda, spécialement en son article 22 ;

**YEMEJE:**

**ADOPTS:**

**ADOPTE :**

*Official Gazette n° Special of 03/12/2015*

**Ingingo ya mbere: Ubutaka bweguriwe imihanda ya Leta, iy'Uturere, iy'Umujyi wa Kigali n'ahandi hafatwa nk'Umujyi**

Ingingo ya 22 y'Itegeko n°55/2011 ryo ku wa 14/12/2011 rigenga imihanda mu Rwanda, ihinduwe kandi yujijwe ku buryo bukurikira:

« Ubutaka bweguriwe imihanda ya Leta n'iy'Uturere, urwego rwa mbere (1), bugaragazwa n'imirongo ibiri (2) iteganyeye kuri metero makumyabiri n'ebiyiri (22m) ku mpande zombi z'umuhanda uhereye aho umuhanda ugabanyirijwemo kabiri.

Ubutaka bweguriwe imihanda y'Uturere, urwego rwa kabiri (2), bugaragazwa n'imirongo ibiri (2) iteganyeye kuri metero cumi n'ebiyiri (12m) ku mpande zombi z'umuhanda uhereye aho umuhanda ugabanyirijwemo kabiri.

Icyakora, ibipimo by'ubutaka bweguriwe umuhanda mu Mujyi wa Kigali n'ahandi hafatwa nk'umujyi, bigenwa hagenewe ku biteganywa n'igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali cyangwa cy'ahandi hafatwa nk'umujyi hatitawe ku cyiciro umuhanda urimo ».

**Ingingo ya 2: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**Article One: Road reserve for national roads, Districts and City of Kigali roads and those of other urban areas**

Article 22 of the Law n° 55/2011 of 14/12/2011 governing roads in Rwanda is modified and complemented as follows:

“The road reserve for national roads and District roads, Class 1, shall be delimited by two (2) parallel lines at twenty two (22) meters on both sides of the road from its median line.

The road reserve for District roads, Class 2, shall be delimited by two (2) parallel lines at twelve (12) meters on both sides of the road from its median line.

However, the dimensions of the road reserve for the City of Kigali and other urban areas shall be determined in respect of provisions of the master plan of the City of Kigali or other urban area irrespective of the road classification”.

**Article 2: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

**Article premier : Emprise des routes nationales, de Districts et de la Ville de Kigali et celles d'autres zones urbaines**

L'article 22 de la Loi n° 55/2011 du 14/12/2011 régissant les routes au Rwanda est modifié et complété comme suit :

« L'emprise des routes nationales et des routes de Districts, catégorie 1, est délimitée par deux (2) lignes parallèles à Vingt-deux (22) mètres sur les deux côtés de la route à partir de sa ligne médiane.

L'emprise des routes de Districts, catégorie 2, est délimitée par deux (2) lignes parallèles à douze (12) mètres sur les deux côtés de la route à partir de sa ligne médiane.

Toutefois, les dimensions de l'emprise d'une route dans la Ville de Kigali et dans d'autres zones urbaines sont déterminées en conformité avec les prescriptions du plan d'aménagement de la Ville de Kigali ou autre zone urbaine quelle que soit la classification de la route ».

**Article 2 : Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée en Anglais, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

*Official Gazette n° Special of 03/12/2015*

**Ingingo ya 3: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

**Ingingo ya 4: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repuburika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa **29/08/2015**

(sé)

**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika

(sé)

**MUREKEZI Anastase**  
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**Article 3: Repealing provision**

All prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

**Article 4: Commencement**

This law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on the **29/08/2015**

(sé)

**KAGAME Paul**  
President of the Republic

(sé)

**MUREKEZI Anastase**  
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minister of Justice/Attorney General

**Article 3 : Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**Article 4 : Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **29/08/2015**

(sé)

**KAGAME Paul**  
Président de la République

(sé)

**MUREKEZI Anastase**  
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

*Official Gazette n° Special of 03/12/2015*

**ITEGEKO N°47/2015 RYO KU WA 15/10/2015 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEGEKO N° 10/2013 RYO KU WA 08/03/2013 RIGENA SITATI Y'ABACAMANZA N'ABAKOZI B'INKIKO**

**LAW N°47/2015 OF 15/10/2015 MODIFYING AND COMPLEMENTING LAW N° 10/2013 OF 08/03/2013 GOVERNING THE STATUTES OF JUDGES AND JUDICIAL PERSONNEL**

**LOI N° 47/2015 DU 15/10/2015 MODIFIANT ET COMPLETANT LA LOI N° 10/2013 DU 08/03/2013 PORTANT STATUT DES JUGES ET DU PERSONNEL JUDICIAIRE**

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**

**Ingingo ya mbere : Manda y'Abayobozi b'Inkiko**

**Article One: Term of office of heads of courts**

**Article premier : Mandat des responsables des juridictions**

**Ingingo ya 2: Ivanwaho ry'ingingo ya 36 y'itegeko n° 10/2013 ryo kuwa 08/03/2013 rigena sitati y'abacamanza n'abakozi b'inkiko**

**Article 2: Repealing of Article 36 of Law n°10/2013 of 08/03/2013 governing the statutes of judges and judicial personnel**

**Article 2 : Abrogation de l'article 36 de la Loi n°10/2013 du 08/03/2013 portant statut des juges et du personnel judiciaire**

**Ingingo ya 3: Ibihano by'amakosa yo mu rwego rw'akazi**

**Article 3: Disciplinary sanctions**

**Article 3: Sanctions disciplinaires**

**Ingingo ya 4: Kwisobanura mu nyandiko k'umucamanza**

**Article 4: Written explanations by a judge**

**Article 4: Explications écrites du juge**

**Ingingo ya 5: Ubusaze bw'ikosa ryo mu kazi n'ubw'ibihano**

**Article 5: Prescription of disciplinary fault and sanctions**

**Article 5: Prescription de la faute disciplinaire et des sanctions disciplinaires**

**Ingingo ya 6: Ihanagurabusembwa**

**Article 6: Rehabilitation**

**Article 6: Réhabilitation**

**Ingingo ya 7: Ibyubahirizwa mu gutanga ihanagurabusembwa**

**Article 7: Conditions for rehabilitation**

**Article 7: Conditions requises pour la réhabilitation**

**Ingingo ya 8: Uburenganzira bukomoka ku ihanagurabusembwa**

**Article 8: Rights arising from rehabilitation**

**Article 8: Droits découlant de la réhabilitation**

**Ingingo ya 9: Isuzumamikorere**

**Article 9: Performance appraisal**

**Article 9: Evaluation des performances**

*Official Gazette n° Special of 03/12/2015*

<b><u>Ingingo ya 10:</u></b> Ivanwaho ry'ingingo ya 57, iya 58, iya 59 n'ya 60 z'itegeko n° 10/2013 ryo kuwa 08/03/2013 rigena Sitati y'Abacamanza n'Abakozi b'Inkiko	<b><u>Article 10 :</u></b> Repealing of Articles 57, 58, 59 and 60 of Law n°10/2013 of 08/03/2013 governing the statutes of judges and judicial personnel	<b><u>Article 10 :</u></b> Abrogation des articles 57, 58, 59 et 60 de la Loi n°10/2013 du 08/03/2013 portant statut des juges et du personnel judiciaire
<b><u>Ingingo ya 11:</u></b> Ingaruka zo gutizwa cyangwa gushyirwa ahandi	<b><u>Article 11:</u></b> Effects of secondment or placement at another administration disposal	<b><u>Article 11:</u></b> Effets du détachement ou de la mise à la disposition d'un autre service
<b><u>Ingingo ya 12:</u></b> Guhagarikwa ku kazi by'agateganyo ku mpamvu z'igihano	<b><u>Article 12:</u></b> Temporary suspension from duty following a disciplinary sanction	<b><u>Article 12:</u></b> Suspension temporaire des fonctions suite à une sanction disciplinaire
<b><u>Ingingo ya 13:</u></b> Imyaka y'ikiruhuko cy'izabukuru	<b><u>Article 13:</u></b> Retirement age	<b><u>Article 13:</u></b> Age de la retraite
<b><u>Ingingo ya 14 :</u></b> Ishyirwaho ry'abagenzuzi b'inkiko	<b><u>Article 14:</u></b> Appointment of Inspectors of Courts	<b><u>Article 14:</u></b> Nomination des inspecteurs des Cours et Tribunaux
<b><u>Ingingo ya 15:</u></b> Ishyirwaho ry'Umujyanama mu biro bya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga	<b><u>Article 15:</u></b> Appointment of Advisor to the President of the Supreme Court	<b><u>Article 15:</u></b> Nomination du Conseiller du Président de la Cour Suprême
<b><u>Ingingo ya 16:</u></b> Ishyirwaho ry'Umujyanama mu biro bya Visi Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga	<b><u>Article 16:</u></b> Appointment of Advisor to the Vice President of the Supreme Court	<b><u>Article 16:</u></b> Nomination du Conseiller du Vice-président de la Cour Suprême
<b><u>Ingingo ya 17:</u></b> Ishyirwaho ry'abashakashatsi mu Rukiko rw'Ikirenga	<b><u>Article 17:</u></b> Appointment of researchers in the Supreme Court	<b><u>Article 17:</u></b> Nomination des chercheurs à la Cour Suprême
<b><u>Ingingo ya 18:</u></b> Ishyirwaho ry'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Inama Nkuru y'Ubucamanza	<b><u>Article 18:</u></b> Appointment of the Executive Secretary of the High Council of the Judiciary	<b><u>Article 18:</u></b> Nomination du Secrétaire Exécutif du Conseil Supérieur de la Magistrature
<b><u>Ingingo ya 19:</u></b> Ibisabwa kugira ngo umuntu abe Umwanditsi Mukuru, Umwanditsi w'Urukiko Rwisumbuye cyangwa uw'Urukiko rw'Ubucuruzi	<b><u>Article 19:</u></b> Requirements to be appointed Chief Registrar or Registrar of the Intermediate Court or the Commercial Court	<b><u>Article 19:</u></b> Conditions requises pour être nommé Greffier en Chef, Greffier du Tribunal de Grande Instance ou du Tribunal de Commerce



*Official Gazette n° Special of 03/12/2015*

**Ingingo ya 20:** Ibisabwa kugira ngo umuntu abe Umwanditsi Mukuru, Umwanditsi w'Urukiko Rukuru cyangwa uw'Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi

**Ingingo ya 21:** Ibisabwa kugira ngo umuntu abe Umwanditsi Mukuru cyangwa Umwanditsi w'Urukiko rw'Ikirenga

**Ingingo ya 22:** Isuzumamikorere, imihanirwe n'ihanagurabusembwa by'abanditsi b'inkiko n'abandi bakozi b'inkiko bagengwa n'iri tegeko

**Ingingo ya 23:** Ikiruhuko cy'izabukuru

**Ingingo ya 24:** Abacamanza n'abanditsi b'inkiko badafite impamyabushobozi itangwa n'ishuri ry'ubucamanza ryemewe na Leta.

**Ingingo ya 25:** Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

**Ingingo ya 26:** Ivanwaho ry'ingingo z'itegeko zinyuranyije n'iri tegeko

**Ingingo ya 27:** Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

**Article 20:** Requirements to be appointed Chief Registrar, Registrar of the High Court or the Commercial High Court

**Article 21:** Requirements to be appointed Chief Registrar or Registrar of the Supreme Court

**Article 22:** Performance appraisal, disciplinary procedure and rehabilitation for court registrars and other judicial personnel governed by this law

**Article 23:** Retirement

**Article 24:** Judges and court registrars who do not have a diploma awarded by a judicial training institution recognized by the Government

**Article 25:** Drafting, consideration and adoption of this Law

**Article 26:** Repealing provision

**Article 27:** Commencement

**Article 20:** Conditions requises pour être nommé Greffier en Chef ou Greffier de la Haute Cour ou de la Haute Cour de Commerce

**Article 21:** Conditions requises pour être nommé Greffier en Chef ou Greffier de la Cour Suprême

**Article 22:** Evaluation des performances, régime disciplinaire et réhabilitation des greffiers et d'autre personnel judiciaire régi par la présente loi

**Article 23:** Retraite

**Article 24:** Juges et greffiers n'ayant pas le certificat délivré par un institut de formation judiciaire agréé par l'Etat

**Article 25:** Initiation, examen et adoption de la présente loi

**Article 26:** Disposition abrogatoire

**Article 27:** Entrée en vigueur

*Official Gazette n° Special of 03/12/2015*

**ITEGEKO N°47/2015 RYO KU WA 15/10/2015 RIHINDURA KANDI RYUZUZA ITEGEKO N° 10/2013 RYO KU WA 08/03/2013 RIGENA SITATI Y'ABACAMANZA N'ABAKOZI B'INKIKO**

**Twebwe, KAGAME Paul,**  
Perezida wa Repubulika;

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 02 Nzeri 2015;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo ku wa 02 Nzeri 2015;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 61, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 95, iya 108, iya 140, iya 142, iya 147, iya 148, iya 149, iya 155 bis, iya 156, iya 157 n'iya 201;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 51/2008 ryo ku wa 09/09/2008 rigena imiterere, imikorere

**LAW N°47/2015 OF 15/10/2015 MODIFYING AND COMPLEMENTING LAW N° 10/2013 OF 08/03/2013 GOVERNING THE STATUTES OF JUDGES AND JUDICIAL PERSONNEL**

**We, KAGAME Paul,**  
President of the Republic;

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 02 September 2015;

The Senate, in its session of 02 September 2015;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 61, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 140, 142, 147, 148, 149, 155 bis, 156, 157 and 201;

Pursuant to Organic Law n° 51/2008 of 09/09/2008 determining the organisation,

**LOI N° 47/2015 DU 15/10/2015 MODIFIANT ET COMPLETANT LA LOI N° 10/2013 DU 08/03/2013 PORTANT STATUT DES JUGES ET DU PERSONNEL JUDICIAIRE**

**Nous, KAGAME Paul,**  
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 02 septembre 2015;

Le Sénat, en sa séance du 02 septembre 2015;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 61, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 140, 142, 147, 148, 149, 155 bis, 156, 157 et 201;

Vu la Loi Organique n° 51/2008 du 09/09/2008 portant code d'organisation, fonctionnement et

*Official Gazette n° Special of 03/12/2015*

n'ububasha by'inkiko nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;	functioning and jurisdiction of courts as modified and complemented to date;	compétence judiciaires telle que modifiée et complétée à ce jour;
Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;	Pursuant to Organic Law n° 03/2012/OL of 13/06/2012 determining the organization, functioning and jurisdiction of the Supreme Court as modified and complemented to date;	Vu la Loi Organique n° 03/2012/OL du 13/06/2012 portant organisation, fonctionnement et compétence de la Cour Suprême telle que modifiée et complétée à ce jour;
Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 06/2012/OL ryo ku wa 14/09/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Inkiko z'Ubucuruzi;	Pursuant to Organic Law n° 06/2012/OL of 14/09/2012 determining the organization, functioning and jurisdiction of Commercial Courts;	Vu la Loi Organique n° 06/2012/OL du 14/09/2012 portant organisation, fonctionnement et compétence des Juridictions de Commerce;
Ishingiye ku Itegeko n° 86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho Sitati rusange igenga abakozi ba Leta;	Pursuant to Law n° 86/2013 of 11/09/2013 establishing the General Statutes for Public Service;	Vu la Loi n° 86/2013 du 11/09/2013 portant Statut Général de la Fonction Publique;
Isubiye ku Itegeko n° 10/2013 ryo ku wa 08/03/2013 rigena sitati y'abacamanza n'abakozi b'inkiko, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 25, iya 36, iya 40, iya 46, iya 55, iya 56, iya 57, iya 58, iya 59, iya 60, iya 71, iya 77, iya 89, iya 97, iya 98, iya 99, iya 100, iya 101, iya 105, iya 106, iya 107, iya 113, iya 117 n'ya 118;	Having reviewed Law n° 10/2013 of 08/03/2013 governing the statutes of judges and judicial personnel, especially in Articles 25, 36, 40, 46, 55, 56, 57, 58, 59, 60,71, 77, 89, 97, 98, 99, 100, 101, 105, 106, 107, 113, 117 and 118;	Revu la Loi n° 10/2013 du 08/03/2013 portant statut des juges et du personnel judiciaire, spécialement en ses articles 25, 36, 40, 46, 55, 56, 57, 58,59,60,71, 89, 97, 98, 99, 100, 101, 105, 106, 107, 113, 117 et 118;

**YEMEJE:**

**ADOPTS:**

**ADOPTÉ:**

**Ingingo ya mbere: Manda y'Abayobozi b'Inkiko**

**Article One: Term of office of heads of courts**

**Article premier: Mandat des responsables des juridictions**

Ingingo ya 25 y'Itegeko n° 10/2013 ryo ku wa 08/03/2013 rigena sitati y'abacamanza n'abakozi b'inkiko ihinduwe kandi yujujwe ku buryo bukurikira:

Article 25 of Law n°10/2013 of 08/03/2013 governing the statutes of judges and judicial personnel is modified and complemented as follows:

L'article 25 de la Loi n°10/2013 du 08/03/2013 portant statut des juges et du personnel judiciaire est modifié et complété comme suit:

*Official Gazette n° Special of 03/12/2015*

“Igihe cya manda y’abayobozi b’Inkiko giteganyijwe mu buryo bukurikira:

Perezida na Visi Perezida b’Urukiko rw’Ikirenga bashyirirwaho igihe cya manda imwe (1) gusa y’imyaka umunani (8).

Perezida w’Urukiko Rukuru, Perezida w’Urukiko Rukuru rw’Ubucuruzi, Visi Perezida w’Urukiko Rukuru na Visi Perezida w’Urukiko Rukuru rw’Ubucuruzi bashyirirwaho igihe cya manda y’imyaka itanu (5) gishobora kongerwa inshuro imwe (1) gusa n’iteka rya Perezida.

Perezida w’Urukiko Rwisumbuye, Perezida w’Urukiko rw’Ubucuruzi na Perezida w’Urukiko rw’Ibanze bashyirirwaho igihe cya manda y’imyaka itanu (5) gishobora kongerwa n’Inama Nkuru y’Ubucamanza nyuma yo gukorerwa isuzumamikorere na Biro y’Urwego rw’Ubucamanza.

Umucamanza urangije manda ye y’ubuyobozi akomeza kuba umucamanza mu rukiko ruri nibura ku rwego rw’urwo yaboyoraga.

Abandi bacamanza ntibagira manda, bakorerwa isuzumamikorere buri mwaka nk’uko biteganywa mu ngingo ya 56 y’iri tegeko”.

“The term of office of heads of courts shall be determined as follows:

The President and the Vice President of the Supreme Court shall be appointed for only one (1) term of eight (8) years.

The President of the High Court, President of the Commercial High Court, Vice President of the High Court and Vice President of the Commercial High Court shall be appointed for a five (5) year term renewable only once (1) by a Presidential Order.

The President of the Intermediate Court, President of the Commercial Court and President of the Primary Court shall be appointed for a five (5) year term renewable by the High Council of the Judiciary following their evaluation by the Bureau of the Judiciary.

Any judge that has served for his/her term of office as head of a court shall continue to be a judge in the Court with at least the same level as the one he/she was heading.

Other judges shall not be subject to a term of office but rather to an annual evaluation in accordance with provisions of Article 56 of this Law”.

“La durée du mandat des responsables des juridictions est déterminée de la manière suivante:

Le Président et le Vice-Président de la Cour Suprême sont nommés pour un mandat unique de huit (8) ans.

Le Président de la Haute Cour, le Président de la Haute Cour de Commerce, le Vice-Président de la Haute Cour et le Vice-Président de la Haute Cour de Commerce sont nommés pour un mandat de cinq (5) ans renouvelable une (1) seule fois par arrêté présidentiel.

Le Président du Tribunal de Grande Instance, le Président du Tribunal de Commerce et le Président du Tribunal de Base sont nommés pour un mandat de cinq (5) ans renouvelable par le Conseil Supérieur de la Magistrature après leur évaluation par le Bureau du pouvoir judiciaire.

Tout juge qui termine son mandat de responsable continue d’être juge dans une juridiction de même niveau au moins que celle dont il assurait la direction.

Les autres juges n’ont pas de mandat mais sont plutôt soumis à une évaluation annuelle conformément aux dispositions de l’article 56 de la présente loi ”.

*Official Gazette n° Special of 03/12/2015*

**Ingingo ya 2:** Ivanwaho ry'ingingo ya 36 y'Itegeko n° 10/2013 ryo kuwa 08/03/2013 rigena sitati y'abacamanza n'abakozi b'inkiko

Ingingo ya 36 y'Itegeko n° 10/2013 ryo kuwa 08/03/2013 rigena sitati y'abacamanza n'abakozi b'inkiko ivanyweho.

**Ingingo ya 3:** Ibihano by'amakosa yo mu rwego rw'akazi

Ingingo ya 40 y'Itegeko n° 10/2013 ryo kuwa 08/03/2013 rigena sitati y'abacamanza n'abakozi b'inkiko ihinduwe kandi yujijwe ku buryo bukurikira:

“Umucamanza wese uteshutse ku nshingano ze cyangwa ku mategeko mbonezamyitwarire y'abacamanza ahanishwa, hakurikijwe uburemere bw'ikosa yakoze, bikozwe mu nyandiko kimwe mu bihano bikurikira:

- 1° kwihanangirizwa;
- 2° kugawa;
- 3° guhagarikwa by'agateganyo igihe cy'amezi kuva kuri atatu (3) kugeza kuri atandatu (6) adahembwa;
- 4° gutinzwa kuzamurwa mu ntera;
- 5° kwamburwa inshingano y'ubuyobozi;
- 6° kwirukanwa burundu”.

**Ingingo ya 4:** Kwisobanura mu nyandiko k'umucamanza

Ingingo ya 46 y'Itegeko n° 10/2013 ryo kuwa

**Article 2:** Repealing of Article 36 of Law n°10/2013 of 08/03/2013 governing the statutes of judges and judicial personnel

Article 36 of Law n°10/2013 of 08/03/2013 governing the statutes of judges and judicial personnel is hereby repealed.

**Article 3:** Disciplinary sanctions

Article 40 of Law n°10/2013 of 08/03/2013 governing the statutes of judges and judicial personnel is modified and complemented as follows:

“Any omission or failure by a judge to perform his/her duties or comply with the code of conduct of judges shall be punished through a written notice, according to its level of seriousness, with one of the following sanctions:

- 1° warning;
- 2° blame;
- 3° suspension for a period of three (3) to six (6) months without monthly salary;
- 4° delay in being promoted;
- 5° withdrawal of leadership responsibility;
- 6° dismissal”.

**Article 4:** Written explanations by a judge

Article 46 of Law n°10/2013 of 08/03/2013

**Article 2 :** Abrogation de l'article 36 de la Loi n°10/2013 du 08/03/2013 portant statut des juges et du personnel judiciaire

L'article 36 de la Loi n°10/2013 du 08/03/2013 portant statut des juges et du personnel judiciaire est abrogé.

**Article 3:** Sanctions disciplinaires

L'article 40 de la Loi n°10/2013 du 08/03/2013 portant statut des juges et du personnel judiciaire est modifié et complété comme suit:

“ Tout manquement aux responsabilités ou le non-respect du code de conduite de juge est puni selon le niveau de gravité par l'une des sanctions suivantes et cela au moyen d'un avis écrit:

- 1° l'avertissement;
- 2° le blâme;
- 3° la suspension temporaire de fonctions pour une durée de trois (3) à six (6) mois sans salaire mensuel
- 4° le retard dans la promotion;
- 5° le retrait de la responsabilité de direction;
- 6° la révocation ”.

**Article 4:** Explications écrites du juge

L'article 46 de la Loi n°10/2013 du 08/03/2013

*Official Gazette n° Special of 03/12/2015*

08/03/2013 rigena sitati y'abacamanza n'abakozi b'inkiko ihinduwe kandi yujwwe ku buryo bukurikira:

“Imihango ikurikizwa mu mihanirwe y'abacamanza ntishobora gutangira uwo ireba atabanje gusabwa mu nyandiko kwisobanura.

Umucamanza agomba kwisobanura mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) uherye ku munsu yaboneyeho urwandiko rumusaba kwisobanura.

Ibirebana n'imihanirwe byose bikorwa mu nyandiko kandi bigashyirwa muri dosiyeri y'umucamanza”.

**Ingingo ya 5: Ubusaze bw'ikosa ryo mu kazi n'ubw'ibihano**

Itegeko n° 10/2013 ryo ku wa 08/03/2013 rigena sitati y'abacamanza n'abakozi b'inkiko ryongewemo ingingo ya 55 bis yanditswe ku buryo bukurikira:

**“Ingingo ya 55 bis: Ubusaze bw'ikosa ryo mu kazi n'ubw'ibihano**

Iyo ikosa rikurikiranywe hagashira imyaka ibiri (2) ntiriba rikurikiranywe.

Igihe kivugwa cy'imyaka ibiri (2) gitangira kubakwa uherye igihe ubugenzuzi bw'inkiko bwamenyeye iryo kosa.

governing the statutes of judges and judicial personnel is modified and complemented as follows:

“No disciplinary procedure in respect of judges may commence without a written notice requiring the concerned judge to give explanations.

The judge shall provide his/her explanations within a period not exceeding fifteen (15) days from the date he/she was given the letter requiring the explanation.

All the matters relating to the disciplinary procedure shall be done in writing and recorded in the judge's file.”

**Article 5: Prescription of disciplinary fault and sanctions**

In Law n°10/2013 of 08/03/2013 governing the statutes of judges and judicial personnel, Article 55 bis shall be inserted to read as follows:

**“Article 55 bis: Prescription of disciplinary fault and sanctions**

A disciplinary fault shall lapse after two (2) years where the disciplinary procedure did not commence.

The mentioned period of two (2) years shall be calculated from the time the inspectorate of courts was notified of that fault.

portant statut des juges et du personnel judiciaire est modifié et complété comme suit:

“Aucune procédure disciplinaire ne peut être engagée sans que le juge intéressé n'ait été préalablement invité par écrit à s'expliquer.

Le juge doit s'expliquer dans un délai n'excédant pas quinze (15) jours, à compter du jour de la notification de la demande d'explication.

Toute procédure en matière de régime disciplinaire est faite par un écrit versé dans le dossier du juge”.

**Article 5: Prescription de la faute disciplinaire et des sanctions disciplinaires**

Dans la Loi n°10/2013 du 08/03/2013 portant statut des juges et du personnel judiciaire, il est inséré l'article 55 bis libellé comme suit:

**“Article 55 bis: Prescription de la faute disciplinaire et des sanctions disciplinaires**

Une faute disciplinaire est prescrite après deux (2) ans lorsque la procédure disciplinaire n'a pas été déclenchée durant cette période.

La période visée de deux (2) ans est comptée à partir du moment où l'inspection judiciaire a pris connaissance de la faute.

*Official Gazette n° Special of 03/12/2015*

Iyo igihano kitashyizwe mu bikorwa hagashira imyaka ine (4), gihita gisaza. Igihe kivugwa gitangira kubarwa uherye igihe cyatangiwe”.

A sanction shall lapse when it is not executed within four (4) years. The mentioned period shall be calculated from the time the sanction was imposed”.

La sanction est prescrite après quatre (4) ans lorsqu'elle n'a pas été exécutée durant cette période. La période visée est comptée à partir du moment où la sanction a été prononcée ”.

**Ingingo ya 6: Ihanagurabusembwa**

Itegeko n° 10/2013 ryo ku wa 08/03/2013 rigena sitati y'abacamanza n'abakozi b'inkiko ryongewemo ingingo ya 55 ter iteye ku buryo bukurikira:

**Article 6: Rehabilitation**

In Law n°10/2013 of 08/03/2013 governing the statutes of judges and judicial personnel, Article 55 ter shall be inserted to read as follows:

**Article 6: Réhabilitation**

Dans la Loi n°10/2013 du 08/03/2013 portant statut des juges et du personnel judiciaire, il est inséré l'article 55 ter libellé comme suit:

**Ingingo ya 55 ter: Ihanagurabusembwa**

“Nyuma yo guhanwa, umucamanza ashobora gusaba mu nyandiko Inama Nkuru y'Ubucamanza guhanagurwaho ubusembwa”.

**Article 55 ter: Rehabilitation**

“After execution of a sanction, a judge may address a written application for rehabilitation to the High Council of the Judiciary”.

**Article 55 ter : Réhabilitation**

“ Après l'exécution d'une sanction, le juge peut procéder par écrit à la demande de réhabilitation auprès du Conseil Supérieur de la Magistrature”.

**Ingingo ya 7: Ibyubahirizwa mu gutanga ihanagurabusembwa**

Itegeko n° 10/2013 ryo ku wa 08/03/2013 rigena sitati y'abacamanza n'abakozi b'inkiko ryongewemo ingingo ya 55 quater iteye ku buryo bukurikira:

**Article 7: Conditions for rehabilitation**

In Law n°10/2013 of 08/03/2013 governing the statutes of judges and judicial personnel, Article 55 quater shall be inserted to read as follows:

**Article 7: Conditions requises pour la réhabilitation**

Dans la Loi n°10/2013 du 08/03/2013 portant statut des juges et du personnel judiciaire, il est inséré l'article 55 quater libellé comme suit:

**Ingingo ya 55 quater: Ibyubahirizwa mu gutanga ihanagurabusembwa**

“Ihanagurabusembwa rishobora kwemerwa iyo hari ibimenyetso bifatika byerekana ko uwari wahanwe yisubiyeho kandi akarangwa n'imyitwarire myiza.

**Article 55 quater: Requirements for granting rehabilitation**

“Rehabilitation may be granted where there is sufficient evidence indicating that the person sanctioned has changed his/her behaviour and manifests good morals.

**Article 55 quater: Conditions requises pour l'octroi de la réhabilitation**

“ La réhabilitation peut être admise lorsqu'il ya des preuves tangibles indiquant que la personne sanctionnée a changé de comportement et qu'elle manifeste une bonne conduite.

Umucamanza wirukanwe burundu, ashobora,

A dismissed judge may, upon a written request, be

Un juge révoqué peut, à la demande écrite, être

*Official Gazette n° Special of 03/12/2015*

abisabye mu nyandiko, gukorerwa ihanagurabusembwa byemejwe n'Inama Nkuru y'Ubucamanza.	rehabilitated after approval by the High Council of the Judiciary.	réhabilité, après approbation du Conseil Supérieur de la Magistrature.
Gusaba ihanagurabusembwa bikorwa na nyir'ubwite amaze nibura imyaka irindwi (7) ibarwa uherye igihe yaherewe igihano.	The request for rehabilitation shall be made by the concerned person after at least seven (7) years calculated from the time the sanction was imposed.	La demande de réhabilitation est faite par la personne concernée après une période d'au moins sept (7) ans, à compter du moment où la sanction lui a été imposée.
Umucamanza wakoze ikosa rihanishwa ibindi bihano bitari ukwirukanwa burundu, ashobora, abisabye mu nyandiko, gukorerwa ihanagurabusembwa, byemejwe n'Inama Nkuru y'Ubucamanza nyuma y'imyaka itatu (3) ibarwa uherye igihe umucamanza yaherewe igihano.	A judge who commits a fault punishable by sanctions other than dismissal may, upon a written request, be rehabilitated after approval by the High Council of the Judiciary after three (3) years calculated from the time the judge was sanctioned.	Un juge ayant commis une faute punie des sanctions autres que la révocation peut, à la demande écrite, être réhabilité, après approbation du Conseil Supérieur de la Magistrature après une période de trois (3) ans à compter du moment où le juge a été sanctionné.
Inyandiko isaba ihanagurabusembwa ishyikirizwa Inama Nkuru y'Ubucamanza, nayo ikabifatira umwanzuro. Ibaruwa isaba ihanagurabusembwa ibikwa muri dosiye y'uwo bireba".	The rehabilitation application letter shall be addressed to the High Council of the Judiciary, which shall make the decision thereon. The rehabilitation application letter shall be kept in the file of the concerned person".	La lettre de demande de réhabilitation est adressée au Conseil Supérieur de la Magistrature pour décision. La lettre de demande de réhabilitation est versée dans le dossier de la personne concernée".
<b><u>Ingingo ya 8: Uburenganzira bukomoka ku ihanagurabusembwa</u></b>	<b><u>Article 8: Rights arising from rehabilitation</u></b>	<b><u>Article 8: Droits découlant de la réhabilitation</u></b>
Itegeko n° 10/2013 ryo ku wa 08/03/2013 rigena sitati y'abacamanza n'abakozi b'inkiko ryongewemo ingingo ya 55 quinquies iteye ku buryo bukurikira:	In Law n°10/2013 of 08/03/2013 governing the statutes of judges and judicial personnel, Article 55quinquies shall be inserted to read as follows:	Dans la Loi n°10/2013 du 08/03/2013 portant statut des juges et du personnel judiciaire, il est inséré l'article 55 quinquies libellé comme suit:
<b><u>"Ingingo ya 55 quinquies: Uburenganzira bukomoka ku ihanagurabusembwa</u></b>	<b><u>"Article 55 quinquies: Rights arising from rehabilitation</u></b>	<b><u>"Article 55 quinquies: Droits découlant de la réhabilitation</u></b>
Ihanagurabusembwa ryerekeye igihano kitari ukwirukanwa burundu rituma uwarihawe agira	Rehabilitation for a sanction other than dismissal shall entitle the beneficiary to the rights of a judge	La réhabilitation pour une sanction autre que la révocation, donne au bénéficiaire les droits d'un



## Official Gazette n° Special of 03/12/2015

uburenganzira bw'umucamanza utarahawe igihano ihanagurabusembwa rireba.

Umucamanza wahawe ihanagurabusembwa ku gihano cyo kwirukanwa burundu ntashobora kongera kuba umucamanza cyangwa umwanditsi w'urukiko.

Uburenganzira bukomoka ku ihanagurabusembwa bugira agaciro uhereye umunsi ihanagurabusembwa ryatangirwe”.

### **Ingingo ya 9: Isuzumamikorere**

Ingingo ya 56 y'Itegeko n° 10/2013 ryo kuwa 08/03/2013 rigena sitati y'abacamanza n'abakozi b'inkiko ihindurwa kandi yujywe ku buryo bukurikira:

“Uretse Perezida na Visi Perezida b'Urukiko rw'Ikirenga, buri umucamanza akorerwa isuzumamikorere buri mwaka.

Isuzumamikorere rigamije kugaragariza ubuyobozi imikorere n'ubushobozi by'umucamanza mu kazi ashinzwe. Niryo rishingirwaho kugira ngo umucamanza agire uburenganzira bwo kuva mu cyiciro cy'ingazintambike ajya mu kindi, kuzamurirwa umushahara no guhabwa ishimwe rijyanye nabyo.

Iryo suzumamikorere rimenyeshwa umucamanza bireba uko ryakabaye. Umucamanza utishimiye ibikubiye mu isuzumamikorere rya burundu ashobora kujuririra Inama Nkuru y'Ubucamanza.

who has not been subject to the sanction which the rehabilitation is granted for.

A judge granted rehabilitation following dismissal shall no longer get reinstated in the position of judge or court registrar.

The rights arising from rehabilitation shall take effect from the date on which the rehabilitation was granted”.

### **Article 9: Performance appraisal**

Article 56 of Law n°10/2013 of 08/03/2013 governing the statutes of judges and judicial personnel is modified and complemented as follows:

“Except for the President and the Vice President of the Supreme Court, each judge shall undergo an annual performance appraisal.

The performance appraisal aims at enlightening the administration on the judge's performance and professional abilities. It forms the essential basis for assessing his/her right to horizontal scale promotion, to salary increase and to related special gratification.

The concerned judge shall be notified of entire results of the performance appraisal. A judge who is not satisfied with the results of the final performance appraisal may appeal to the High Council of the Judiciary.

juge qui n'a pas subi de sanction dont la réhabilitation fait l'objet.

Le juge ayant bénéficié de réhabilitation suite à la révocation ne peut plus être réintégré dans les fonctions de juge ou de greffier.

Les droits découlant de la réhabilitation prennent effet à compter du jour auquel la réhabilitation a été accordée”.

### **Article 9: Evaluation des performances**

L'Article 56 de la Loi n°10/2013 du 08/03/2013 portant statut des juges et du personnel judiciaire est modifié et complété comme suit:

“Sauf le Président et le Vice-président de la Cour Suprême, tout juge fait l'objet d'évaluation annuelle des performances.

L'évaluation des performances a pour but d'éclairer l'administration sur la performance et les aptitudes professionnelles du juge. Elle constitue la base essentielle de la détermination de son droit à l'avancement d'échelon horizontal, à l'accroissement du traitement et à la gratification spéciale y relative.

Les résultats de cette évaluation sont entièrement significatifs au juge concerné. Un juge qui n'est pas satisfait des résultats de l'évaluation finale peut faire recours au Conseil Supérieur de la Magistrature.

*Official Gazette n° Special of 03/12/2015*

Ibirebana n'uburyo bukoreshwa mu isuzumamikorere, mu izamurwa mu ntera n'igenwa ry'ishimwe ry'abacamanza bigenwa n'Iteka rya Perezida”.

**Ingingo ya 10: Ivanwaho ry'ingingo ya 57, iya 58, iya 59 n'ya 60 z'Itegeko n° 10/2013 ryo kuwa 08/03/2013 rigena Sitati y'Abacamanza n'Abakozi b'Inkiko**

Ingingo ya 57, iya 58, iya 59 n'ya 60 z'Itegeko n° 10/2013 ryo kuwa 08/03/2013 rigena Sitati y'Abacamanza n'Abakozi b'Inkiko zivanyweho.

**Ingingo ya 11: Ingaruka zo gutizwa cyangwa gushyirwa ahandi**

Ingingo ya 71 y'Itegeko n° 10/2013 ryo kuwa 08/03/2013 rigena sitati y'abacamanza n'abakozi b'inkiko ihinduwe kandi yujijwe ku buryo bukurikira:

“Iyo umucamanza atijwe cyangwa ashyizwe ahandi, umurimo yakoraga ushakirwa undi mucamanza”.

Iyo ugutizwa cyangwa ugushyirwa ahandi birangiye, bidatewe n'impamvu z'ibihano kandi hakaba hari umwanya, umucamanza watijwe cyangwa washyizwe ahandi ahita asubizwa mu mirimo ye yakoraga mbere y'uko atizwa cyangwa ashirwa ahandi nta rindi piganwa akoze. Iyo nta mwanya uhari kuko uwo yari arimo mbere yo gutizwa cyangwa gushyirwa ahandi washyizwemo undi, umukoresha amushakira undi mwanya uri ku

The procedure for performance appraisal, promotion in horizontal scale and granting special gratification for judges shall be determined by a Presidential Order”.

**Article 10 : Repealing of Articles 57, 58, 59 and 60 of Law n°10/2013 of 08/03/2013 governing the statutes of judges and judicial personnel**

Articles 57, 58, 59 and 60 of Law n°10/2013 of 08/03/2013 governing the statutes of judges and judicial personnel are hereby repealed.

**Article 11: Effects of secondment or placement at another administration disposal**

Article 71 of Law n°10/2013 of 08/03/2013 governing the statutes of judges and judicial personnel is modified and complemented as follows:

“In case a judge is placed on secondment or at another administration disposal, a new judge shall be appointed to replace him/her.

When the period of secondment or placement at another administration disposal is over, except for grounds of sanctions, the judge shall be automatically reinstated into his/her previous post without competition if the post is available. In case the post he/she occupied before secondment or placement at another administration disposal has been allocated to another person, the employer shall provide him/her with another post of the

La procédure d'évaluation des performances, d'avancement d'échelon horizontal et de gratification spéciale pour les juges est déterminée par Arrêté Présidentiel ”.

**Article 10: Abrogation des articles 57, 58, 59 et 60 de la Loi n°10/2013 du 08/03/2013 portant statut des juges et du personnel judiciaire**

Les articles 57, 58, 59 et 60 de la Loi n°10/2013 du 08/03/2013 portant statut des juges et du personnel judiciaire sont abrogés.

**Article 11: Effets du détachement ou de la mise à la disposition d'un autre service**

L'article 71 de la Loi n°10/2013 du 08/03/2013 portant statut des juges et du personnel judiciaire est modifié et complété comme suit:

“ Lorsqu'un juge est détaché ou mis à la disposition d'un autre service, un nouveau juge est nommé pour le remplacer.

A la fin de son détachement ou de sa mise à la disposition d'un autre service, sauf en cas de sanctions, le juge est repris de droit dans ses anciennes fonctions sans concours si le poste est disponible. Au cas où le poste que le juge occupait avant son détachement ou sa mise à la disposition d'un autre service a été attribué à quelqu'un d'autre, l'employeur le pourvoit d'un nouveau poste égal à celui qu'il occupait avant le

## Official Gazette n° Special of 03/12/2015

rwego rumwe n'urwo yari ariho mbere yo gutizwa cyangwa gushyirwa ahandi iyo abyemeye.	same level as the one he/she held before the secondment or placement at another administration disposal upon his/her consent.	détachement ou la mise à la disposition d'un autre service moyennant son accord.
<b><u>Ingingo ya 5:</u></b> Ububasha bw’Inama y’Ubuyobozi	<b><u>Article 5:</u></b> Powers of the Board of Directors	<b><u>Article 5 :</u></b> Compétences du Conseil d’Administration
<b><u>Ingingo ya 6:</u></b> Inshingano z’Inama y’Ubuyobozi	<b><u>Article 6:</u></b> Responsibilities of the Board of Directors	<b><u>Article 6 :</u></b> Attributions du Conseil d’Administration
<b><u>Ingingo ya 7:</u></b> Manda y’Abagize Inama y’Ubuyobozi	<b><u>Article 7:</u></b> Term of office for the Board of Directors	<b><u>Article 7 :</u></b> Mandat du Conseil d’Administration
<b><u>Ingingo ya 8:</u></b> Itumizwa, iterana n’ifatwary’Ibyemezo by’inama y’ Inama y’Ubuyobozi	<b><u>Article 8:</u></b> Invitation, convening and modalities for taking decisions of the Board of Directors meetings	<b><u>Article 8:</u></b> Invitation, tenue des réunions et modalités de prise de décision du Conseil d’Administration
<b><u>Ingingo ya 9:</u></b> Gutumira mu nama y’Inama y’Ubuyobozi umuntu ushobora kuyungura ibitekerezo	<b><u>Article 9:</u></b> Invitation of a resource person in the Board of Directors’ meetings	<b><u>Article 9:</u></b> Invitation d’une personne ressource aux réunions du Conseil d’administration
<b><u>Ingingo ya 10:</u></b> Inyandiko y’Ibyemezo by’inama z’Inama y’Ubuyobozi n’Inyandiko yayo	<b><u>Article 10:</u></b> Resolutions and minutes of the meeting of the Board of Directors	<b><u>Article 10 :</u></b> Résolutions et rapports des réunions du Conseil d’administration
<b><u>Ingingo ya 11:</u></b> Umwanditsi w’ Inama y’Ubuyobozi	<b><u>Article 11:</u></b> Rapporteur of the Board of Directors	<b><u>Article 11 :</u></b> Rapporteur du Conseil d’Administration
<b><u>Ingingo ya 12:</u></b> Gushyiraho amatsinda yihariye y’ Inama y’Ubuyobozi ya LODA	<b><u>Article 12:</u></b> Establishment of specialised commissions of the Board of Directors of LODA	<b><u>Article 12 :</u></b> Création des commissions spécialisées au sein du Conseil d’Administration de LODA
<b><u>Ingingo ya 13:</u></b> Uburyo ugize Inama y’Ubuyobozi ya LODA amenyesha ko afite inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa	<b><u>Article 13:</u></b> Procedures through which a member of Board of Directors of LODA makes a notification of personal interest in issues under examination	<b><u>Article 13 :</u></b> Modalités de déclaration d’intérêt personnel lié aux points sous examen par un membre du Conseil d’Administration de LODA
<b><u>Ingingo ya 14:</u></b> Impamvu zituma ugize Inama y’Ubuyobozi ava muri uwo mwanya	<b><u>Article 14:</u></b> Reason for loss of membership to the Board of Directors and replacement	<b><u>Article 14 :</u></b> Causes de perte de la qualité de membre du Conseil d’Administration et

*Official Gazette n° Special of 03/12/2015*

n'uko asimburwa

modalities.

modalités de remplacement

Icyiciro cya II: Ubuyobozi Bukuru

Section II: General Directorate

Section II: Direction Générale

Ingingo ya 15: Inshingano z'Ubuyobozi bukuru

Article 15: Responsibilities of the General Directorate

Article 15: Attributions de la Direction Générale

Ingingo ya 16: Inshingano z' Umuyobozi Mukuru

Article 16: Responsibilities of the Director General

Article 16: Attribution du Directeur Général

UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA

CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS

CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES

Ingingo ya 17: Ushinzwe gushyira mu bikorwa iri teka

Article 17: Authority responsible for the implementation of this Order

Article 17: Autorité chargée de l'exécution du présent arrêté

Ingingo ya 18: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 18: Repealing provision

Article 18: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 19: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa

Article 19: Commencement

Article 19: Entrée en vigueur

*Official Gazette n° Special of 03/12/2015*

**ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N°289/03 RYO KU WA 27/10/2015 RIGENA URWEGO RUREBERERA IKIGO GISHINZWE GUTEZA IMBERE IBIKORWA BY' ITERAMBERE MU NZEGO Z'IBANZE(LODA) RIKANAGENA UBUBASHA, INSHINGANO N'IMIKORERE BY INZEGO Z' UBUYOBOZI ZACYO**

**Minisitiri w'Intebe,**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 118, iya 119, iya 121 n'ya 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 62/2013 ryo ku wa 27/08/2013 rishyiraho Ikigo gishinzwe guteza imbere ibikorwa by'iterambere mu nzego z'ibanze (LODA) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 4, iya 6 n' iya 9;

Bisabwe na Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 08/06/2015 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**ATEGETSE:**

**PRIME MINISTER'S ORDER N°289/03 OF 27/10/2015 DETERMINING THE SUPERVISING AUTHORITY OF THE LOCAL ADMINISTRATIVE ENTITIES DEVELOPMENT AGENCY (LODA) AND DETERMINING THE ORGANISATION, FUNCTIONING AND RESPONSIBILITIES OF ITS MANAGEMENT ORGANS**

**The Prime Minister,**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 118,119, 121 and 201;

Pursuant to Law n° 62/2013 of 27/08/2013 establishing the Local Administrative Entities Development Agency (LODA) and determining its mission, organization and functioning, especially in Articles 4, 6 and 9;

On proposal by the Minister of Local Government;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 08/06/ 2015;

**HEREBY ORDERS:**

**ARRETE DU PREMIER MINISTRE N°289/03 DU 27/10/2015 DETERMINANT L'AUTORITE DE TUTELLE DE L'AGENCE DE DEVELOPPMENT DES ENTITES ADMINISTRATIVES LOCALE (LODA) ET DETERMINANT L'ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT ET COMPETENCES DE SES ORGANES DE DIRECTION**

**Le Premier Ministre,**

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 118, 119, 121 et 201;

Vu la Loi n° 62/2013 du 27/08/2013 portant création de l'Agence de Développement des Entités Administratives Locales (LODA) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement, spécialement en ses articles 4, 6 et 9 ;

Sur proposition du Ministre de l'Administration Locale ;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 08/06/2015;

**ARRETE :**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

Iri teka rigena urwego rureberera Ikigo gishinzwe guteza imbere ibikorwa by'iterambere mu nzego z' ibanze cyitwa "LODA" mu magambo ahinnye y'Icyongereza, icyiciro kirimo, rikanagena ububasha, inshingano n'imikorere by' inzego zacyo z' ubuyobozi.

**UMUTWE WA II: URWEGO RUREBERERA LODA N'ICYICIRO IRIMO**

**Ingingo ya 2: Urwego rureberera LODA**

LODA irebererwa na Minisiteri ifite ubutegetsu bw' Igihugu mu nshingano zayo.

**Ingingo ya 3: Icyiciro LODA irimo**

LODA iri mu cyiciro cy' ibigo bya Leta bigamije iterambere ry' ibikorwa by' amajyambere.

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Order**

This Order determines the supervising authority of Local Administrative Entities Development Agency, abbreviated as "LODA, its category and determines the powers, responsibilities and functioning of its administrative organs.

**CHAPTER II: SUPERVISING AUTHORITY OF LODA AND ITS CATEGORY**

**Article 2: Supervising authority of LODA**

LODA shall be supervised by the Ministry in charge of local government.

**Article 3: Category of LODA**

LODA shall be in the category of public institutions having the objective of promoting development activities.

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier : Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté détermine l'autorité de tutelle de l'Agence de Développement des Entités Administratives Locales dénommée "LODA", en sigle anglais, sa catégorie et détermine les compétences, attributions et fonctionnement de ses organes de direction.

**CHAPITRE II : ORGANE DE TUTELLE DE LODA ET SA CATEGORIE**

**Article 2 : Organe de tutelle de LODA**

LODA est placée sous tutelle du Ministère ayant l'administration locale dans ses attributions.

**Article 3 : Catégorie de LODA**

LODA est dans la catégorie des établissements publics ayant pour objectif la promotion des activités de développement.

**UMUTWE WA III: UBUBASHA, INSHINGANO N'IMIKORERE BY'INZEGO Z'UBUYOBOZI ZA LODA**

**CHAPTER III: POWERS, RESPONSIBILITIES AND FUNCTIONING OF MANAGEMENT OF ORGANS OF LODA**

**CHAPITRE III: COMPETENCES, ATTRIBUTIONS ET FONCTIONNEMENT DES ORGANES DE DIRECTION DE LODA**

**Ingingo ya 4: Inzego z'Ubuyobozi za LODA**

**Article 4: Management organs of LODA**

**Article 4 : Organes de direction de LODA**

LODA ifite inzego z'ubuyobozi zikurikira:

LODA shall comprise the following management organs:

Les Organes de direction de LODA sont les suivants :

- 1° Inama y'Ubuyobozi;
- 2° Ubuyobozi bukuru.

- 1° Board of Directors;
- 2° General Directorate.

- 1° Le Conseil d'Administration;
- 2° La Direction Générale.

**Iciviro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi**

**Section One: Board of Directors**

**Section première : Conseil d'Administration**

**Ingingo ya 5: Ububasha bw'Inama y'Ubuyobozi**

**Article 5: Powers of the Board of Directors**

**Article 5 : Compétences du Conseil d'Administration**

Inama y'Ubuyobozi ni rwo rwego ruyobora kandi rufata ibyemezo bya LODA.

The Board of Directors shall be the supreme administrative and decision making organ of LODA.

Le Conseil d'Administration est l'organe suprême de gestion et de prise des décisions de LODA.

Ifite ububasha busesuye n'inshingano zo gufata ibyemezo mu byerekeye ubuyobozi, abakozi n'umutungo bya LODA kugira ngo ishobore kugera ku nshingano zayo.

It shall have full powers and responsibilities to manage staff and the property of LODA in order to fulfill its mission.

Il est investi des pouvoirs étendus et de la responsabilité de gérer le personnel et le patrimoine de LODA dans l'ultime but de remplir sa mission.

**Ingingo ya 6: Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi**

**Article 6: Responsibilities of the Board of Directors**

**Article 6 : Attributions du Conseil d'Administration**

Inshingano z'Inama y'ubuyobozi ya LODA ni izi zikurikira:

Responsibilities of the Board of Directors of LODA shall be as follows:

Le Conseil d'Administration de LODA exerce les attributions suivantes:

- 1° gutanga icyerekezo cy' ibikorwa na

- 1° to provide a strategic vision and plan

- 1° déterminer la vision stratégique et le

*Official Gazette n° Special of 03/12/2015*

gahunda y' imikorere ; 2° kugena uburyo bwo gufasha no gutera inkunga ibikorwa by' iterambere mu nzego z'ibanze;	of action; 2° to determine criteria for financing and supporting development projects of local administrative entities;	plan d'actions; 2° déterminer les critères de financement et appui aux projets de développement des entités administratives locales;
3° kwemeza gahunda y'ibikorwa ya buri mwaka n'ingengo y'imari yabyo;	3° to approve the annual activity plan and its budget;	3° approuver le plan d'activités annuel et son budget;
4° gusuzuma imikorere ya LODA hakurikijwe gahunda y' ibikorwa n' ingengo y imari;	4° to evaluate performance of LODA in accordance with the action plan and the allocated budget;	4° évaluer les performances de LODA sur base du plan d'action et du budget y' alloué;
5° kwemeza raporo y'ibikorwa na raporo y'imikoreshereze y' umutungo z'igihembwe n' umwaka urangiye;	5° to approve activities and financial reports of the previous quarter and year;	5° approuver les rapports d'activités et de finances du trimestre et de l'année écoulés;
6° gusuzuma no kwemeza amategeko ngengamikorere;	6° to examine and approve internal rules and regulations;	6° examiner et approuver le règlement d'ordre intérieur ;
7° kwemeza igitabo ndangamikorere;	7° to approve the administrative and financial procedures manual;	7° approuver le manuel des procédures administratives et financières ;
8° gukurikirana imikorere y' ubuyobozi bukuru bwa LODA n'abakozi bayo;	8° to monitor the performance of the General Directorate and personel;	8° suivre les performances de la Direction Générale et le personnel;
9° gutanga raporo y' ibikorwa ya buri gihembwe kuri Minisiteri ireberera LODA.	9° to submit a quarterly activity report to the Ministry supervising LODA.	9° transmettre trimestriellement le rapport d'activités au Ministère de tutelle de LODA.

**Ingingo ya 7: Manda y'Abagize Inama y'Ubuyobozi**

Abagize Inama y'Ubuyobozi ya LODA bagira manda y'imyaka itatu (3) ishobora kongerwa inshuro imwe gusa.

**Article 7: Term of office for the Board of Directors**

Members of the Board of Directors of LODA shall serve a three (3) year term of office renewable only once.

**Article 7: Mandat du Conseil d'Administration**

Les membres du Conseil d'Administration de LODA ont un mandat de trois (3) ans renouvelable une seule fois.



*Official Gazette n° Special of 03/12/2015*

**Ingingo ya 8: Itumizwa, iterana n'ifatwa ry'Ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi**

Inama y'Inama y'Ubuyobozi ya LODA iterana rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe na Perezida wayo cyangwa Visi Perezida igihe Perezida adahari babyibwirije cyangwa babisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize.

Ubutumire bukorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize Inama y'Ubuyobozi hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) ngo inama iterane.

Icyakora, inama idasanzwe itumizwa mu nyandiko hasigaye nibura iminsi itanu (5) kugira ngo iterane.

Mu byigwa mu nama y'Inama y'Ubuyobozi mu gihembwe cya mbere cy'umwaka harimo kwemeza raporo y'imari n'iy'ibikorwa mu mwaka urangiye.

Buri gihembwe kandi Inama y'ubuyobozi igomba gusuzuma raporo y'imari n'iy'ibikorwa byerekeranye n'igihembwe kirangiye ikayishyikiriza Minisitiri ureberera LODA.

Uburyo ibyemezo bifatwa n' inama y'Inama y'Ubuyobozi biteganywa n'amategeko

**Article 8: Invitation, convening and modalities for taking decisions of the Board of Directors meetings**

The meeting of the Board of Directors of LODA shall be held on a quarterly basis and whenever necessary upon invitation by its Chairperson or in case of his/her absence by the Vice-Chairperson on their own initiative or upon request in writing by one third (1/3) of its members.

The invitation shall be submitted in writing to the members of the Board of Directors at least fifteen (15) days before the meeting is held.

However, an extraordinary meeting shall be convened in writing at least five (5) days before the meeting is held.

Items to be examined by the meeting of the Board of Directors in the first quarter of the year shall include approval of the financial and activities report of the previous year.

Each quarter, the Board of Directors shall examine the financial and activity reports relating to the previous quarter and shall submit the report to the Minister supervising LODA.

The mode of taking decisions by the Board of Directors shall be determined by the internal

**Article 8: Invitation, tenue des réunions et modalités de prise de décision du Conseil d'Administration**

La réunion du Conseil d'Administration de LODA se tient une fois par trimestre et à chaque fois que de besoin sur convocation de son Président ou, en cas de son absence, de son Vice-président, de leur propre initiative, ou sur demande écrite d'un tiers (1/3) de ses membres.

L'invitation est faite par écrit et transmise aux membres du Conseil d'Administration au moins quinze (15) jours avant la tenue de la réunion.

Toutefois, une réunion extraordinaire est convoquée par écrit au moins cinq (5) jours avant la tenue de la réunion.

Parmi les points à être examinés par la réunion du Conseil d'Administration au cours du premier trimestre figure notamment l'approbation des rapports d'activités et financier de l'année écoulée.

Chaque trimestre, le Conseil d'Administration doit examiner les rapports financiers et d'activités relatifs au trimestre écoulé, ce rapport est transmis au Ministre de tutelle de LODA.

Le mode de prise de décisions du Conseil d'Administration doit être déterminé par le

*Official Gazette n° Special of 03/12/2015*

ngengamikorere ya LODA.

**Ingingo ya 9: Gutumira mu nama y’Inama y’Ubuyobozi umuntu ushobora kuyungura ibitekerezo**

Inama y’Ubuyobozi ishobora gutumira mu nama yayo umuntu wese ibona ko ashobora kuyungura inama cyangwa ibitekerezo ku ngingo runaka ifite ku murongo w’ibygwa.

Uwatumwe ntiyemerewe gutora no gukurikira iyigwa ry’izindi ngingo ziri ku murongo w’ibygwa.

**Ingingo ya 10: Ibyemezo by’inama z’Inama y’Ubuyobozi n’Inyandiko yayo**

Ibyemezo by’inama y’Inama y’Ubuyobozi bishyirwaho umukono n’abagize inama ikirangira, kopi yayo ikohererezwa Minisitiri ureberera LODA mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) inama iteranye.

Minisitiri ayitangaho ibitekerezo mu gihe kitarenze iminsi cumi n’itanu (15) kuva ayishyikirijwe. Iyo icyo gihe kirenze ntacyo arabivugaho imyanzuro y’inama iba yemewe burundu.

Inyandikomvugo y’inama ishyirwaho umukono na Perezida n’umwanditsi bayo ikemezwa mu nama ikurikira. Kopi y’inyandikomvugo yohererezwa Minisitiri

rules and regulations of LODA.

**Article 9: Invitation of a resource person in meetings of the Board of Directors**

The Board of Directors may invite in its meetings any person from whom it may seek advice or information on certain issue on the agenda.

The invited person shall neither be allowed to vote nor to follow debates on other issues on the agenda.

**Article 10: Resolutions and minutes of the meeting of the Board of Directors**

Resolutions of the meeting of the Board of Directors shall be signed by its members immediately at its closure, and its copy shall be submitted to the Minister supervising LODA in a period not exceeding five (5) days.

The Minister shall give his/her views on the report within fifteen (15) days from its reception. If this period expires without giving his/her views, the resolutions of the meeting shall be presumed definitely approved.

The minutes of the meeting shall be signed by the Chairperson and its rapporteur, and it shall be approved in the following session. A copy of minutes shall be sent to the Minister

règlement d’ordre intérieur de LODA.

**Article 9: Invitation d'une personne ressource aux réunions du Conseil d'administration**

Le Conseil d'Administration peut inviter à ses réunions toute personne à qui il peut requérir des conseils ou informations sur un sujet donné à l'ordre du jour.

La personne invitée n'a ni le droit de voter ni de suivre les débats sur d'autres points à l'ordre du jour.

**Article 10: Résolutions et rapports des réunions du Conseil d'administration**

Les résolutions de la réunion du Conseil d'Administration sont signées par ses membres immédiatement après la clôture de la réunion et sa copie est transmise au Ministre de tutelle de LODA dans un délai n'excédant pas cinq (5) jours.

Le Ministre doit donner son avis endéans quinze (15) jours à compter de sa réception. Si ce délai expire sans qu’il en ait donné son point de vue, les résolutions de la réunion sont réputées définitives.

Le procès-verbal de la réunion doit être signé par le Président et son rapporteur, et approuvé à la session suivante. La copie du procès-verbal doit être transmise au Ministre de tutelle

*Official Gazette n° Special of 03/12/2015*

ureberera LODA mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) guhera umunsi yemerejweho.

Uburyo ibyemezo n'imyanzuro by'inama z'Inama y'Ubuyobozi bishyirwa mu bikorwa bigenwa n'amategeko ngengamikorere.

**Ingingo ya 11: Umwanditsi w' Inama y' Ubuyobozi**

Umuyobozi mukuru wa LODA akurikirana inama z'Inama z'Ubuyobozi kandi akazibera umwanditsi.

Ashobora kuzitangamo ibitekerezo ariko ntabwo atora mu gihe cy'ifatwa ry' ibyemezo.

Umuyobozi mukuru wa LODA ntiyemerewe kujya mu nama ifata ibyemezo ku bibazo bimureba, icyo gihe Inama y' Ubuyobozi yitoramo umwanditsi.

Amategeko ngengamikorere ya LODA akena usimbura Umuyobozi mukuru iyo atari mu nama y'Inama y'Ubuyobozi.

**Ingingo ya 12: Gushyiraho amatsinda yihariye y Inama y'Ubuyobozi ya LODA**

Inama y Ubuyobozi ya LODA ishobora gushyiraho amatsinda yihariye ahoraho cyangwa y'igihe gito agizwe na bamwe mu

supervising LODA in a period not exceeding fifteen (15) days from the day of its approval.

The mode of implementation of decisions and resolutions of the Board of Directors shall be determined by the internal rules and regulations.

**Article 11: Rapporteur of the Board of Directors**

The Director General of LODA shall attend meetings of the Board of Directors and serve as Rapporteur.

He/she may give views but shall not be allowed to vote during decision making.

The Director General of LODA shall not attend a meeting that takes decisions on issues concerning her/him personally, in such case, the Board shall elect a rapporteur among its members.

The internal rules and regulations of LODA shall determine the person to replace the Director General in case of his/her absence.

**Article 12: Establishment of specialised commissions of the Board of Directors of LODA**

The Board of Directors of LODA may establish permanent or temporary specialised commissions composed of some of its

de LODA dans un délai n'excédant pas quinze (15) jours à compter de la date de son approbation.

Le mode de mise en application des décisions et résolutions du Conseil d'Administration doit être déterminé par le règlement d'ordre intérieur.

**Article 11: Rapporteur du Conseil d'Administration**

Le Directeur Général de LODA prend part aux réunions du Conseil d'Administration et en est le rapporteur.

Il/elle peut participer au débat mais ne prend pas part au vote lors de la prise de décisions.

Le Directeur General de LODA ne prend pas part à une réunion qui traite des points le concernant personnellement, dans un cas pareil, le Conseil d'Administration élit en son sein un rapporteur.

Le règlement d'ordre intérieur de LODA détermine le remplaçant du Directeur Général en cas de son absence.

**Article 12: Création des commissions spécialisées au sein du Conseil d'Administration de LODA**

Le Conseil d'Administration de LODA peut créer des commissions spécialisées permanentes ou *ad hoc*, composées de certains

*Official Gazette n° Special of 03/12/2015*

bayigize n'abandi bantu isanga ari ngombwa kandi ikagera buri tsinda umuyobozi.

**Ingingo ya 13: Uburyo ugize Inama y'Ubuyobozi ya LODA amenyeshako afite inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa**

Iyo uri mu bagize Inama y'Ubuyobozi ya LODA afite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu bibazo bisuzumwa cyangwa bizasuzumwa vuba agomba, akimenya ibizasuzumwa, kumenyeshako bidatinze Inama y'Ubuyobozi aho inyungu ze zishingiye. Umenyeshako inyungu afite ku kibazo cyigwa, ntashobora gutora mu gihe hafatwa icyemezo kuri icyo kibazo.

Iyo bigaragaye ko abagize Inama y'Ubuyobozi benshi cyangwa bose bafite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu bibazo bisuzumwa cyangwa bizasuzumwa ku buryo bidashoboka gufata icyemezo kuri ibyo bibazo, ibyo bibazo bishyikirizwa urwego rureberera LODA.

**Ingingo ya 14: Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi aya muri uwo mwanya n'uko asimburwa**

Ugize Inama y'Ubuyobozi aya muri uwo mwanya iyo:

1° manda ye irangiye;

members and other support persons it deems necessary and shall designate a leader of each group.

**Article 13: Procedures through which a member of Board of Directors of LODA makes a notification of personal interest in issues under examination**

When a member of the Board of Directors of LODA has direct or indirect personal interest in the issues under examination or to be examined soon, upon being informed of the agenda, he/she shall immediately inform the Board of Directors of the basis of her/his interests. That person shall not vote during decision making on that particular issue.

When a majority or all members of the Board of Directors of LODA have direct or indirect interest in a matter being discussed or to be discussed to the extent that no decision can be taken, the issue shall be forwarded to the organ supervising LODA.

**Article 14: Reason for loss of membership to the Board of Directors and replacement modalities**

A member of the Board of Directors shall lose membership if:

1° his/her term of office expires;

de ses membres et d'autres personnes jugées indispensables et désigne le responsable de chaque commission.

**Article 13: Modalités de déclaration d'intérêt personnel lié aux points sous examen par un membre du Conseil d'Administration de LODA**

Lorsqu'un membre du Conseil d'Administration de LODA a un intérêt personnel direct ou indirect lié aux points sous examen ou devant être examiné prochainement, il doit, aussitôt informé de l'ordre du jour, informer sans délai le Conseil d'Administration du lien entre l'ordre du jour et son intérêt. Le concerné ne participe pas à la prise de décision sur ce point précis.

Quand il s'avère que plusieurs ou tous les membres du Conseil d'Administration de LODA ont un intérêt personnel direct ou indirect lié aux points sous examen ou devant être examinés de façon qu'il est impossible d'en statuer, l'examen de ces points est transféré à l'organe de tutelle de LODA.

**Article 14: Causes de perte de la qualité de membre du Conseil d'Administration et modalités de remplacement**

Le membre du Conseil d'Administration cesse d'en être un si :

1° son mandat expire ;

*Official Gazette n° Special of 03/12/2015*

2° yeguye akoresheje inyandiko;	2° he/she resigns in writing;	2° il démissionne par écrit;
3° abangamiye inyungu za LODA;	3° he/she jeopardizes the interests of LODA;	3° il met en péril les intérêts de LODA;
4° agaragaje imyitwarire itajyanye n'inshingano ze;	4° he/she demonstrates behaviors contrary to his/her responsibilities;	4° il démontre des comportements contraires à ses responsabilités;
5° akatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6) nta subikagihano;	5° he/she is definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months without suspension of the sentence;	5° il est condamné définitivement à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois sans sursis;
6° asibye inama inshuro eshatu (3) zikurikirana nta mpamvu zifite ishingiro;	6° he/she is absent in meetings for three (3) consecutive times with no justified reasons;	6° il est absent de réunions trois (3) fois consécutives sans raisons valables;
7° bigaragaye ko atacyujwe ibyashyirwa mu Nama y'Ubuyobozi;	7° he/she no longer fulfils requirements considered at the time of his/her appointment in the Board of Directors;	7° il ne remplit plus les conditions ayant permis sa nomination au Conseil d'Administration;
8° agaragaje ingengabitekerezo ya jenocide;	8° he/she is characterised by a genocidal ideology;	8° il est caractérisé par une idéologie génocidaire ;
9° yireze akemera icyaha cya jenocide;	9° he/she confesses and pleads guilty to the crime of genocide;	9° il avoue et plaide coupable pour crime de génocide;
10° atagishoboye kuzuza inshingano ze kubera ubumuga bw'umubiri cyangwa uburwayi bwo mu mutwe bwemejwe n'umuganga wemewe na leta;	10° he/she is no longer able to perform his/her duties due to physical or mental disability certified by an authorized medical doctor;	10° il n'est plus en mesure d'exercer ses fonctions en raison d'une incapacité physique ou mentale constatée par un médecin agréé;
11° apfuye.	11° he/she dies.	11° il meurt.

Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi avuye mu mirimo ye mbere y'uko manda ye In case a member of the Board of Directors leaves his/her duties before the expiration of Au cas où un membre du Conseil d'Administration perd la qualité avant

*Official Gazette n° Special of 03/12/2015*

irangira, Umuyobozi ubifitiye ububasha ashiraho umusimbura ngo arangize manda ye.

his/her term of office, the competent authority shall appoint his/her substitute to complete his/her term of office.

l'expiration de son mandat, l'autorité compétente doit désigner son suppléant pour compléter son mandat.

**Icyiciro cya II: Ubuyobozi Bukuru**

**Section II: General Directorate**

**Section II: Direction Générale**

**Ingingo ya 15: Inshingano z'Ubuyobozi Bukuru**

**Article 15: Responsibilities of the General Directorate**

**Article 15: Attributions de la Direction Générale**

Imicungire ya buri muni ya LODA ishinze ubuyobozi bukuru bwayo.

The daily management of LODA shall be entrusted to its General Directorate.

La gestion journalière de LODA est confiée à sa Direction Générale.

**Ingingo ya 16: Inshingano z' Umuyobozi Mukuru**

**Article 16: Responsibilities of the Director General**

**Article 16: Attribution du Directeur Général**

Umuyobozi Mukuru niwe uhuza akanayobora ibikorwa bya buri muni bya LODA kandi akabazwa n' Inama y'Ubuyobozi uko ibyemezo byayo bishyirwa mu bikorwa.

The Director General shall direct and coordinate the daily activities of LODA and be responsible for implementation of decisions of the Board of Directors.

Le Directeur Général est chargé de diriger et coordonner les activités quotidiennes de LODA et est responsable de la mise en exécution des décisions du Conseil d'Administration.

By'umwihariko umuyobozi mukuru wa LODA ashinze ibi bikurikira:

The Director General shall specifically be responsible for:

Le Directeur Général est particulièrement chargé de:

1° gufasha Inama y' Ubuyobozi mu bikorwa byayo by'ubuyobozi no gushyira mu bikorwa ibyemezo byayo;

1° assisting the Board of Directors in their administrative functions and insure the implementation of its decisions;

1° assister le Conseil d Administration dans ses fonctions administratives et s'assurer de l'exécution de ses décisions;

2° guhagararira LODA imbere y' amategeko n' izindi nzego;

2° representing LODA before the law and other institutions;

2° représenter LODA devant la loi et autres institutions ;

3° gutanga amabwiriza y'akazi muri LODA n'ay'inzeho zayo z'ubuyobozi afiteho ububasha;

3° giving work related instructions of LODA to the management organs in his/her competence;

3° donner des instructions en rapport avec LODA aux organes de gestion de sa compétence;

*Official Gazette n° Special of 03/12/2015*

- |  |   |   |
|--|---|---|
| 4° gutegura imbanzirizamushinga igaragaza icyerekezo cy'ikigo kugira ngo kigere ku nshingano zacyo;  | 4° developing a strategic plan proposal of the institution so as to achieve its mission;  | 4° élaborer une proposition de plan stratégique de l'institution lui permettant de réaliser sa mission;   |
| 5° kuyobora, gukurikirana no kugenzura imikorere y'abakozi ba LODA;  | 5° managing, following up and supervising the staff of LODA;  | 5° gérer, contrôler et surveiller le personnel de LODA;   |
| 6° kwita ku micungire ya LODA mu rwego rwa tekini, urw'ubuyobozi n'imari;  | 6° ensuring the technical, administrative and financial management of LODA ;  | 6° assurer la gestion financière, technique et administrative de LODA;  |
| 7° gukurikirana imicungire y'umutungo wa LODA;   | 7° ensuring management of LODA property;  | 7° assurer une bonne gestion du patrimoine de LODA;   |
| 8° gutegura no gushyikiriza Inama y'Ubuyobozi imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari izakoreshwa mu mwaka ukurikira na raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari y'umwaka ushize; | 8° preparing and submitting to the Board of Directors the budget proposal of the following fiscal year and the budget execution report for the previous year; | 8° élaborer et soumettre au Conseil d'Administration le projet du budget pour l'exercice de l'année suivante ainsi que le rapport d'exécution du budget de l'année écoulée; |
| 9° gutegura gahunda y'ibikorwa na raporo y'ibyagezweho no kubishyikiriza Inama y'Ubuyobozi;  | 9° preparing the action plan and report of achievements and submitting them to the Board of Directors;  | 9° préparer le plan d'action et le rapport des résultats obtenus et de les soumettre au Conseil d'Administration;   |
| 10° gutegura imbanzirizamushinga y'imbonerahamwe n'imiterere y'inzego z'imirimo bya LODA akayishyikiriza Inama y'Ubuyobozi;  | 10° preparing and submitting to the Board of Directors draft proposal of organisational structure of LODA;  | 10° préparer et soumettre au Conseil d'Administration le projet de proposition de la structure de LODA;   |
| 11° gutegura imbanzirizamushinga y'amategeko ngengamikorere ya LODA;   | 11° elaborating draft proposal of internal rules and regulations of LODA;   | 11° élaborer le projet de règlement d'ordre intérieur de LODA;  |

*Official Gazette n° Special of 03/12/2015*

12° gutegura raporo y'ibikorwa bya LODA n'iy'igenzura ry imari no kubishyikiriza Inama y'Ubuyobozi.

12° preparing and submitting to the Board of Directors reports on the operations and audited accounts of LODA.

12° préparer et soumettre au Conseil d'Administration le rapport d'activités et les rapports d'audit de LODA.

Buri mwaka, hasinywa amasezerano y'imihigo hagati y'Umuyobozi Mukuru n'Inama y'Ubuyobozi ya LODA.

Each year, there shall be a signed performance contract between the Director General and the Board of Directors of LODA.

Chaque année, un contrat de performance est conclu entre le Directeur Général et le Conseil d'Administration de LODA.

Ibikubiye muri iyo mihigo biteganywa n'amategeko ngenga mikorere ya LODA.

The content of the performamnce contract shall be provided for by the Internal rules and regulations of LODA.

Le Contenu du Contrat de performance est déterminé par le règlement d'ordre intérieur de LODA.

**UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA**

**CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS**

**CHAPITRE IV : DISPOSITIONS FINALES**

**Ingingo ya 17: Ushinzwe kubahiriza iri teka**

**Article 17: Authority responsible for the implementation of this Order**

**Article 17: Autorité chargée de l'exécution du présent arrêté**

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu asabwe kubahiriza iri teka.

The Minister of Local Government is entrusted with the implementation of this Order.

Le Ministre de l'Administration Locale est chargé de l'exécution du présent arrêté.

**Ingingo ya 18: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

**Article 18: Repealing provision**

**Article 18: Disposition abrogatoire**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Ingingo ya 19: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

**Article 19: Commencement**

**Article 19: Entrée en vigueur**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Le présent arrêté entre en vigueur à la date de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.



*Official Gazette n° Special of 03/12/2015*

Kigali, ku wa **27/10/2015**

**(sé)**

**MUREKEZI Anastase**  
Minisitiri w'Intebe

**(sé)**

**KABONEKA Francis**  
Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu

**Bibonywe kandi bishyizweho ikirango cya  
Repubulika:**

**(sé)**

**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya  
Leta

Kigali on **27/10/2015**

**(sé)**

**MUREKEZI Anastase**  
Prime Minister

**(sé)**

**KABONEKA Francis**  
Minister of Local Government

**Seen and sealed with the Seal of the  
Republic**

**(sé)**

**BUSINGYE Johnston**  
Minister of Justice/Attorney General

Kigali, le **27/10/2015**

**(sé)**

**MUREKEZI Anastase**  
Premier Ministre

**(sé)**

**KABONEKA Francis**  
Ministre de l'Administration Locale

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

**(sé)**

**BUSINGYE Johnston**  
Ministre de la Justice/Garde ses Sceaux

*Official Gazette n° Special of 03/12/2015*

**ITEKA RYA MINISITIRI N°002/10/15/TC  
RYO KU WA 17/11/2015 RISHYIRAHO  
UGIZE KOMISIYO**

**MINISTERIAL ORDER N°002/10/15/TC  
OF 17/11/2015 APPOINTING A  
MEMBER OF THE COMMISSION**

**ARRETE MINISTERIEL N°002/10/15/TC  
DU 17/11/2015 PORTANT NOMINATION  
D'UN MEMBRE DE LA COMMISSION**

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DE MATIERES**

**Ingingo ya mbere: Ishyirwaho**

**Article One : Appointment**

**Article premier :Nomination**

**Ingingo ya 2 : Ivanwaho ry'ingingo  
zinyuranyije n'iri teka**

**Article 2 : Repealing provision**

**Article 2: Disposition abrogatoire**

**Ingingo ya 3: Igihe iteka ritangira  
gukurikizwa**

**Article 3: Commencement**

**Article 3: Entrée en vigueur**

*Official Gazette n° Special of 03/12/2015*

**ITEKA RYA MINISITIRI N°002/10/15/TC RYO KU WA 17/11/2015 RISHYIRAHU UGIZE KOMISIYO**

**Minisitiri w’Imari n’Igenamigambi;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003, nk’uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 120, iya 121 n’ iya 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 45/2010 ryo ku wa 14/12/2010 rishyiraho Ikigo cy’ Ubwiteganyirize mu Rwanda (RSSB) rikanagena inshingano, imiterere n’ imikorere byacyo, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 5, iya 6 n’iya 12;

Ashingiye ku Iteka rya Minisitiri w’ Intebe n° 23/03 ryo ku wa 26/03/2012 rigena icyiciro n’ urwego rureberera Ikigo cy’Ubwiteganyirize mu Rwanda, rikanagena imiterere, imikorere n’inshingano by’inzeho z’imirimo zacyo, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 4, iya 18, iya 19, iya 20 n’iya 21;

Bisabwe na Minisitiri w’Imari n’Igenamigambi;

Inama y’Abaminisitiri yateranye ku wa 9/09/2015, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**MINISTERIAL ORDER N°002/10/15/TC OF 17/11/2015 APPOINTING A MEMBER OF THE COMMISSION**

**The Minister of Finance and Economic Planning;**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 120, 121 and 201;

Pursuant to Law n° 45/2010 of 4/12/2010 establishing Rwanda Social Security Board (RSSB) and determining its mission, organization and functioning, especially in Articles 5, 6 and 12;

Pursuant to Prime Minister’s Order n° 23/03 of 26/03/2012 determining the category and supervising authority of the Rwanda Social Security Board and the organization, functioning especially in Articles 4, 18, 19, 20 and 21;

On proposal by the Minister of Finance and Economic Planning;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 9/09/2015;

**ARRETE MINISTERIEL N°002/10/15/TC DU 17/11/2015 PORTANT NOMINATION D’UN MEMBRE DE LA COMMISSION**

**Le Ministre des Finances et de la Planification Economique;**

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121 et 201;

Vu la Loi n° 45/2010 du 14/12/2010 portant création de l’ Office Rwandais de Sécurité Sociale (RSSB) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement spécialement en ses articles 5, 6 et 12;

Vu l’Arrêté du Premier Ministre n° 23/03 du 26/03/2012 déterminant la catégorie et l’organe de tutelle de l’Office Rwandais de Sécurité Sociale, l’organisation, le fonctionnement et les attributions de ses organes spécialement en ses articles 4, 18, 19, 20 and 21;

Sur proposition du Ministre des Finances et de la Planification Economique;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 9/09/2015;

*Official Gazette n° Special of 03/12/2015*

**Ingingo ya mbere: Ishyirwaho**

Dr. UMUTONI Nathalie agizwe umwe mu bagize Komisiyo irebana n'iby'amasezerano RSSB ikorana n'abatanga serivisi z'ubuvuzi.

**Ingingo ya 2: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.

**Ingingo ya 3: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni rishyiriweho umukono. Agaciro karyo gahera ku wa 09/09/2015.

Kigali, ku wa 17/11/2015

(sé)

**GATETE Claver**  
Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

**Article One: Appointment**

Dr. UMUTONI Nathalie is hereby appointed a Member of the Commission relating to contracts signed between RSSB and medical partners.

**Article 2: Repealing provision**

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

**Article 3: Commencement**

This Order shall come into force on the date of its signature. It takes effect as of 09/09/2015.

Kigali, on 17/11/2015

(sé)

**GATETE Claver**  
Minister of Finance and Economic Planning

**Seen and sealed with the Seal of the Republic**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Minister of Justice/Attorney General

**Article premier: Nomination**

Dr. UMUTONI Nathalie est nommée membre de la Commission relative aux contrats signés entre RSSB et les partenaires médicaux.

**Article 2: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

**Article 3: Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa signature. Il sort ses effets à partir du 09/09/2015.

Kigali, le 17/11/2015

(sé)

**GATETE Claver**  
Ministre des Finances et de la planification Economique

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)

**BUSINGYE Johnston**  
Ministre de la Justice /Garde des Sceaux